REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA KAMONYI

B.P. 03 MUHANGA

E-mail: kamonyidistrict@yahoo.fr

IBYEMEZO B Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI N°007 /07.02/08/CD

IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KU WA 25 GICURASI 2012

Kuri uyu wa Gatanu tariki ya **25 Gicurasi 2012** ku biro by'Akarere ka **KAMONYI** guhera saa yine za mu gitondo **(10H00)** hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana **KARURANGA Emmanuel** , wabanje kwibutsa Abajyanama ko inama idasanzwe y'Inama Njyanama yiga ku ngingo zateganyijwe gusa.

Umuyobozi w'inama yibukije Abajyanama ingingo ziribusuzumwe n'Inama Njyanama:

1. **Raporo ya Komisiyo y'ubutaka mu Karere**
2. **Raporo y'Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko**
3. **Kwemeza urutonde rw'uko Imirenge ikurikirana mu bukene**
4. **Ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere igihembwe cya III/2011 – 2012**
5. **Ibirebana n'Abakozi**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ingingo ku ngingo, Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka **KAMONYI** bafashe ibyemezo bikurikira:

Ingingo ya 1: **Raporo y'Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko**

Abajyanama bashimye akazi kakozwe na Komisiyo y'Ubuyobozi n'Amategeko bafata ibyemezo bikurikira:

- Buri Murenge n'ibiro by'Akarere bigomba kugira igishushanyo (plan) kigaragaza uko Abakozi bagabanyijwe ibiro, kugirango byorohere abaturage n'Abashyitsi babagana, mu rwego rwo gutanga serivisi nziza.Akarere kakazafasha Imirenge kugera vuba kuri iki gikorwa.

- Abajyanama bemeje ko Ubuyobozi bw'Akarere buzandikira Ubuyobozi bw'Imirenge bubibutsa ko Inama Njyanama iterana Ubuyobozi bw'Umurenge buhari kugirango buyifashe kubona amakuru arebana n'Umurenge kandi zikazajya ziteranira ku gihe

- Abajyanama bemeje ko isambu ingana na **2ha** iri mu Murenge wa **MUSAMBIRA** yari yaratijwe **RUBIMBURA Moise** ubu akaba ayita iye akaba nta n'ibyangombwa ayifitiye, hemejwe ko Komisiyo y'ubutaka yazabikurikirana ikazashyikiriza Inama Njyanama y'Akarere raporo y'uburyo ikibazo giteye mu gihe cya vuba.

- Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho ikibazo cy'abaturage bo mu Murenge wa GACURABWENGE bashutswe bagakora umuhanda ungana na 4.8km ntibahembwe kuko uwakoresheje atigeze ahabwa isoko, Abajyanama bemeje ko Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugali uyu muhanda wanyuzemo bazandikirwa bagayirwa uburangare bagize igihe uyu muhanda wakorwaga.

- Abajyanama bemeje kandi ko Biro y'Inama Njyanama, Komite Nyobozi y'Akarere, Perezida wa Komisiyo y'Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko, Abajyanama bakomoka mu Murenge wa **GACURABWENGE** bazasura aba baturage tariki ya **05 Kamena 2012** mu rwego kubaganiriza bakagaragarizwa uburangare babigizemo no gusuzuma abo iki gikorwa cyasigiye ubukene bakazashakirwa uburyo bafashwa.

Icyemezo cyafashwe n'Abajyanama ku bwisanzure busesuye

Ingingo ya 2: Raporo ya Komisiyo y'Ubutaka

Abajyanama bamaze kugezwaho raporo ya Komisiyo y'ubutaka imaze kugeza kubajyanama ibibazo birebana n'ubutaka abaturage bari bagejeje ku Nama Njyanama bafasha imyanzuro ikurikira:

- ❖ Abajyanama bemeje Komisiyo y'ubutaka izongera igashaka amakuru afatika ku bantu bakurikira bifashishije abari abayobozi kandi hakagaragazwa ingano y'isambu atuyemo. Abagize komisiyo bakazifashisha form igaragaza uko ikibazo giteye, urutonde rw'abemeza ko nta handi afite n'igihe amaze afite ubwo butaka.

- MUBERUKA François
- TWAGIRAMUNGU J.Baptiste
- NSHIMIYIMANA Emmanuel
- RUTABAGISHA Vénuste
- GATSINZI David
- RUSATSI Wellars
- NSHIMIYIMANA Bertin
- UGIRASHEBUJA Céléstin
- SEHUKU Fidèle
- RWAMUHIZI Joseph

Ku bandi bandikiye Inama Njyanama, Abajyanama bafashe ibyemezo bikurikira:

- **URUJENI Illuminée**

Abajyanama bemeje ko yahabwa ubutaka bwo guturamo nyuma y'uko Komisiyo y'Ubutaka igaragaje ingano y'ubutaka yahabwa.

- **NKWANZI Elévanie**

Abagize Inama Njyanama bemeje ko **NKWANZI Elévanie** yageza inyandiko ku bagize Inama Njyanama y'Akarere igaragaza ko nta bundi butaka afite agasaba ko yatuzwa nk'abandi bagarutse mu gihugu badafite ubutaka bwo guturaho cyangwa gukoreraho.

- **RANGIRA Théogène**

Abajyanama bashingiye ku mategeko iriya sambu yabarurwa kuri Leta , RANGIRA Théogène akagana inkiko agasaba izungura

- **HABIMANA Jean**

Itegeko ngenga no 08/2005 ryo ku wa 14/7 /2005 rigena imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka mu RWANDA mu ngingo ya 87 igika cya nyuma riteganya ko nta ndishyi iteganywa ku butaka bwatujwe mu midugudu kuri ubwo buryo kuko bufatwa nk'isaranganya, Abajyanama bemeje ko Komisiyo y'ubutaka izasesengura bihagije byaba ibyo avuga basanga ari ukuri agahabwa aho gutura.

- **NSENGIYUMVA Frederic**

Abajyanama bemeje ko azandikira Inama Njyanama ayisaba ikibanza, cyaboneka akagihabwa.

- **MUSABYEMARIYA OLIVE**

Abajyanama bemeje ko azakwandikirwa asabwa kubahiriza inzira ziteganywa n' Iteka rya Minisitiri N° 001/16.01 ryo ku wa 26/04/2010 rigena uburyo isaranganya ry'amasambu rikorwa cyane cyane mu ngingo yaryo ya 6.

- **NTAHONDI Elévanie**

Abajyanama bamaze kubona ko nta butaka bwa Leta buri mu Mudugudu wa **KIGARAMA** bemeje ko yagirwa inama yo kwegera Ubuyobozi bw'Umurenge bukamufasha kugurana cyangwa akagura.

- **TWIZEYIMANA Aléxis**

Abajyanama bemeje ko azandikirwa amenyeshwa ko yabarurwaho ubutaka yaguze havuyemo umunani wa **UWIMANA** nyuma akazakurikirana abo baguze bakamusubiza. Umurenge wa **NYARUBAKA** urasabwa gukemura iki kibazo uyu mwana **UWIMANA** agahabwa ahe.

- **SHINGIRO Evariste**

Abajyanama bemeje ko **SHINGIRO Evariste** akwiye kugaragaza icyemezo **NIYITEGEKA** yahereweho bityo akaba yaguranirwa ikindi kibanza kuko ahandi ari mu mbago z'Ikigo Nderabuzima cya **KAMONYI.**

- **KOPERATIVE TUMENYE AMAFI**

Abajyanama bemeje ko Komite Nyobozi, Komisiyo y'ubutaka n'Umukozi ushinzwe Amakoperative basubirayo mu rwego rwo kumenya gushaka amakuru yose.

- **UMUNYANA Marie Claire**

Abajyanama bamaze kubona ko ikibanza asaba nta wundi ukibarurwaho, azandikirwa amenyeshwa ko ikibanza asabye akemerewe.

- **MWATERETA Demitrie**

Abajyaname bemeje ko azabanza kugaragaza amabaruwa yamwemereraga kuguranirwa nk'uko abivuga akaba yaguranirwa.

- **AKAGERA BUSINESS GROUP**

Abajyanama bemeje ko bemerewe kubaka ubwugamo mu mbago z'umuhanda naho ku bijyanye n'imisoro bakazubyumvikanaho n'ubuyobozi bw'imisoro mu Karere.

- **ADEPR RUGALIKA**

Abajyanama bemeje ubutaka basabye babwemerewe kuko Koperative **ABARUTA** yari ihafite yasheshwe.

- **ORGANISATION INSHUTI**

Abajyanama bemeje ko kimwe n'indi mishinga ″Organisations″ isaba ubutaka, dossiers zajya zibanza gushyikirizwa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu mbere yo gushyikiriza Inama Njyanama.

- **MUGABO Jean de Dieu**

Abajyanama bamaze kumva uko ikibazo giteye, bemeje ko akomeza gukorera kuri ubu butaka nk'intizo ntabubarurweho.

- **MBARAGA Jerôme**

Abajyanama bamaze kubona ko aho yahawe hari irimbi kandi akaba yarahahawe n'urwego rutabifitiye ububasha bemeje ko Komisiyo izasubirayo gushaka amakuru afatika ikazageza umwanzuro ku Nama Njyanama.

- **ABATURAGE 10 BAHAWE BAFITE IBYEMEZO MURI BO HARIMO 6 BAFITEIGICE CY'IRIMBI RUSANGE**

Abajyanama bemeje ko Komisiyo izasubirayo igasesengura igihe baherewe niba bihuye n'icyo itegeko riteganya ku hantu hafatwa nk'irimbi.

- **GASAGARA Pierre Celestin**

Abajyanama bemeje ko yaguranirwa ubutaka kuko ubwe bwatujwemo abaturage mu buryo bw'imidugudu, Komisiyo y'ubutaka ikazagaragaza ubuso bw'ubutaka azaguranirwa.

- **SENKWARE Francois** na **KANYANKORE Theogene**

Abajyanama bamaze kubona ko yahawe inshuro 2 ubutaka bwa Leta kandi bikaba bitemewe n'amategeko, hemejwe ko bagumana ahob atuye ahandi hagasubirana Leta

Icyemezo cyafashwe n'Abajyanama ku bwisanzure busesuye

Ingingo ya 3: Kwemeza urutonde rw'uko Imirenge ikurikirana mu bukene

Abajyanama bamaze gusengura imibereho y'abaturage , ibikorwa remezo bigaragarara mu mirenge imisoro yinjira mu Murenge ndetse n'urwego rw'imyumvire abaturage bariho, Abajyanama bemeje ko imirenge ikurikirana mu bukene ku buryo bukurikira:

1. **NYARUBAKA**
2. **KARAMA**
3. **NGAMBA**
4. **KAYUMBU**
5. **MUSAMBIRA**
6. **GACURAWENGE**
7. **RUGALIKA**
8. **NYAMIYAGA**
9. **KAYENZI**
10. **RUKOMA**
11. **MUGINA**
12. **RUNDA**

Icyemezo cyafashwe n'Abajyanama ku bwisanzure busesuye

Ingingo ya 4 : Ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere igihembwe cya III/2011 – 2012

Abajyanama bishimye uburyo ingengo y'imari yashyizwe mu bikorwa kuko iri ku kigereranyo cya **88.3%** ni ukuvuga ko ku ngengo y'imari yari iteganyijwe ya **7 946 148 008** hamaze gukoreshwa **7 015 538 647.** Abajyanama bakaba basabye ko amafaranga asigaye nayo yakoreshwa kugirango umwaka w'ingengo y'imari urangire Akarere ka KAMONYI kamaze gukoresha ingengo y'imari yose yari yemejwe.

Icyemezo cyafashwe n'Abajyanama ku bwisanzure busesuye

Inama yashoje imirimo yayo saa munani n'igice z'amanywa **(14H30)**

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga urutonde rw'Abajyanama bafashe icyemezo kuri buri ngingo.

NIKUZE Marie Chantal	**KARURANGA Emmanuel**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama	Umuyobozi w'Inama Njyanama